

Itegeko ryo kubika imbunda mu buryo butekanye rya Michigan. ryatangiyeye gukurikizwa ku wa 13, Gashyantare 2024 mu rwego rwo gufasha kurinda urubyiruko rwa Michigan hamwe no kugabanyaa ibikomere biterwa n'imbunda. Itegeko riteganyaga ko abatunze imbunda babika imbunda mu buryo butekanye igihe cyose hari abana cyangwa bishoboka ko baza kuba bahari. Rinasaba kandi amashuri gusangiza aya makuru ababyeyi bose n'abashingizi, bikaba bigamije gufasha ababyeyi, abashingizi n'abatunze imbunda gusobanukirwa no kubahiriza itegeko ryo kubika imbunda mu buryo butekanye rya Michigan.

Incamake y'Itegeko ([MCL 28.429](#))

Ibisabwa kugira ngo imbunda ibikwe ku buryo butekanye

Iyo imbunda isizwe yonyine aho umwana utujuje imyaka y'ubukure (ufite muni y'imyaka 18) ashobora kuba ari, igomba:

- Kubikwa mu buryo butekanye mu isanduku cyangwa igikoresho, no/cyangwa
- Kuyikuramo amasasu kandi igafungwa neza n'igikoresho kiyibuza kurasa, nk'ingufuri y'imbarutso cyangwa umugozi ufunga imbunda, byabuzwa uwo ariwe wese kuyikoresha.

Iri tegeko rikurikizwa igihe imbunda zaba ziri iwawe cyangwa zajyanywe ahandi hantu.

Imbunda mu modoka

Iyo imbunda iri mu modoka mu gihe cyo gutembera, imodoka igomba gufungwa igihe itari gukoreshwa, kandi imbunda igomba kuba ibitse mu buryo butekanye ikaba ifungiyeye mu gikoresho cyangwa ifungishijwe ingufuri y'umbarutso cyangwa umugozi ufunga imbunda iyo mu modoka harimo umwana cyangwa bishoboka ko aba ari mu modoka cyangwa aho ugiye.

Agaciro n'inyungu by'Ububiko butekanye mu Gutuma Abana Batekana

Gutunga imbunda mu buryo bwemewe n'amategeko ni uburenganzira wemererwa n'itegekonshinga. Ibi bizana n'inshingano z'umutekano zikomeye zo kurwanya ubujura, ubwicanyi bukoreshajwe imbunda, kwiyahura ukoreheje imbunda, no gukomeretswa n'imbunda utabigambiriye, harimo n'abana. **Kubika imbunda gusa cyangwa kuzishyira kuri etajere aho abana batagera ntibyizeze cyangwa ngo bibe bihwanye no kubika mu buryo butekanye nk'uko itegeko rya Michigan ribiteganyaga.** Kubika imbunda mu buryo butekanye bigabanyaga ibyago byo kwikomeretsa utabigambiriye mu bana n'ubujura bw'imbunda. Kugera ku mbunda biragabanywa, n'imibare rusange y'abiyahura ikagabanuka.



Abana bafite imyaka 17 n'abatarayigeza bibaho bakunze gukomeretswe n'imbunda mu buryo butangambiriwe:

- Ku mbunda zirimo amasasu kandi zidafunze.
- Iyo umwana ari gukinisha imbunda cyangwa ayereka undi muntu.



Muri ibi bihe, ukunze kuba inzirikarengane yo gukomeretswa n'imbunda ku buryo butagambiriwe muri rusange ni incuti cyangwa umuvandimwe w'umwana.



Utubati tw'imyenda n'utumeza two ku mpande z'uburiri ni ahantu rusange imbunda zikoreshwa munkurasa no kwica ku buryo butagambiriwe.

Source: U.S. Centers for Disease Control and Prevention

Ku yandi makuru n'urutonde rwuzuye rw'ibindi bikoresho, harimo: Project ChildSafe, sura paji ya MDHHS iriho amakuru yo kubika imbunda ku buryo butekanye kuri [MDHHS Secure Storage](#)

Project ChildSafe

National Suicide Prevention Lifeline

University of Michigan Family Guide to Firearm Home Safety

Sura cyangwa usikane **kode ya QR** iri muni



Itegeko ryo kubika imbunda mu buryo butekanye rya Michigan ryatangiyeho gukurikizwa ku wa 13, Gashyantare 2024 mu rwego rwo gufasha kurinda urubyiruko rwa Michigan hamwe no kugabanya ibikomere biterwa n'imbunda. Itegeko riteganywa ko abatunze imbunda babika imbunda mu buryo butekanye igihe cyose hari abana cyangwa bishoboka ko baza kuba bahari. Rinasaba kandi amashuri gusangiza aya makuru ababyeyi bose n'abishingizi, bikaba bigamije gufasha ababyeyi, abishingizi n'abatunze imbunda gusobanukirwa no kubahiriza itegeko ryo kubika imbunda mu buryo butekanye rya Michigan.

Ikibazo: Ese itegeko ryo kubika imbunda mu buryo butekanye rikurikizwa ku mbunda zose cyangwa ku bwoko bumwe na bumwe gusa?

Igisubizo: Iri tegeko rikurikizwa ku mbunda zose, harimo imbunda nto, imbunda nini n'imbunda zirasa mu ntera nto. Iyo imbunda itagenzurwa by'ako kanya na nyirayo, cyangwa inyubako aho umwana utaruzura imyaka y'ubukure ashobora kuba ari, igomba kubikwa mu buryo butekanye kugira ngo abana bato babuzwe kuyigeraho.

Ikibazo: Ese iri tegeko rikurikizwa ku mbunda zirimo amasasu n'izitarimo amasasu?

Igisubizo: Yego. Imbunda zirimo amasasu n'izitarimo amasasu zose zigomba kubikwa mu buryo butekanye kugira ngo abana bato ntibashobore kuzigeraho. Ndetse n'imbunda zitarimo amasasu zishobora guteza ibyago iyo zitabitse mu buryo butekanye.

Ikibazo: Ese ni ngombwa ko nkoresha ubwoko bwihariye bw'ingufuri y'imbunda cyangwa umutamenwa kugira ngo mbe nubahirije amategeko?

Igisubizo: Yego. A "isanduku ifungwa cyangwa igikoresheho cyo kubikamo" bivuze igikoresheho cyo kubikamo gitekanye, cyakorewe by'umwihariko kubika imbunda, gifunze neza kandi gifungishijwe ingufuri, igikoresheho gifungishwa urufunguzo, igikoresheho gifungishwa kode, cyangwa ikindi gikoresheho gifunga kimeze nk'ibyo umwana muto adafiteye urufunguzo cyangwa kode cyangwa se ngo abe abasha kukigeraho. "Igikoresheho kibuka imbunda kurasa" bivugaga igikoresheho gifunga imbarutso, umuguzi ufunga imbunda cyangwa ibindi bikoresheho bifunga bibuka imbunda kurekura amasasu. Iyo igikoresheho kibuka imbunda kurasa gikoreshejwe, nta masasu agomba kuba ari mu mbunda kandi ishyirwa mu buryo bwo kudakora.

Ikibazo: Nakora iki iyo nkeka ko undi mwana ashobora kugera ku mbunda itabitse ku buryo butekanye, bityo hakaba hariho kutubahiriza itegeko?

Igisubizo: Bimenyeshe ikigo gishinzwe kubahiriza amategeko aho uherereye. Abanyeshuri bashobora kandi kumenyesha porogaramu ya Michigan OK2SAY ku mategeko bishobora gukorerwa ku ishuri bakoresheje OK2SAY@mi.gov, bohereza ubutumwa bugufi kuri 652729 (OK2SAY), cyangwa bagahamagara 855-565-2729 (8-555-OK2SAY). **Hamagara 9-1-1 ku kibazo cyose gitunguranye.**

Ikibazo: Nakura he isanduku, igikoresheho cyo kubikamo cyangwa gikoresheho kibuka imbunda akurasa?

Igisubizo: Amwe mu mashuri ya polisi y'imbere mu gihugu, amashuri y'ubuzima y'imbere mu gihugu cyangwa indi miryango y'abaturage ishobora gutanga ingufuri z'imbunda cyangwa ibikoresheho bibikwamo imbunda ku buntu cyangwa ku kiguzi gito. Ibikoresheho by'umutekano w'imbunda birimo igikoresheho kibuka imbunda kurasa n'agatabo karimo amakuru biboneka uciye [Project ChildSafe](#). Vugana n'abashinzwe kubahiriza amategeko aho uherereye ubone andi makuru.

Ikibazo: Ese hari irengayobora itegeko rifite?

Igisubizo: Itegeko ntirukurikizwa iyo umwana abonye imbunda:

- Afite uburenganzira bw'umubyeyi w'umwana cyangwa umwishingizi kandi iyo umwana akoresheje imbunda ari kugenzurwa n'umubyeyi, umwishingizi, cyangwa umuntu ufite imyaka 18 cyangwa irenga wahawe uburenganzira n'umubyeyi w'uwo muntu cyangwa umwishingizi, **kandi** imbunda igakoreshejwe:
 - Akazi k'umwana
 - Imbunda itunze cyangwa ikoreshejwe mu kwita ku nyamaswa, ubunzi n'ubworozi cyangwa guhiga, iyo uwo mwana yubahiriza amategeko yose yo guhiga akurikizwa
 - mu rwego rwo kwiga kuringa cyangwa amasomo yo kwiga gukoresha imbunda ku buryo butekanye
- Umwana abonye imbunda bicye mu kuba umwana yarinjiye binyuranyije n'amategeko mu nyubako iyo ariyo yose cyangwa ikinyabiziga gifite moteri aho aho imbunda yari ibitse.
- Mu gihe ari kwirinda mu buryo bwemewe n'amategeko cyangwa ari kurinda undi

Ikibazo: Nk'umuntu udatunze imbunda, ni gute nakora ku buryo abana n'ingimbi/abangavu bakomeza gutekana mu gihe basuye ingo zifite imbunda?

Igisubizo: Nubwo waba udatunze imbunda, ushobora gutera intambwe zo kureba hirya y'ejo kugira ngo bakore ku buryo urubyiruko rugira umutekano bigisha abana ibyago byo gukora ku mbunda, kubaza ababakirye niba bafite imbunda, kugenzura ko zibitse mu buryo butekanye, hamwe no gusangiza ibikoresheho by'ubwirinzi. Ku bindi bikoresheho, sura: [Gun Safety Resources | Be SMART](#).

Ishami rishinzwe Ubuzima na Serivisi z'Abaturage muri MDHHS ntirivangura umuntu uwo ari we wese cyangwa itsinda rishingiye ku bwoko, igihugu ukomokamo, ibara ry'uruho, igitsina, ubumuga, idini, imyaka, uburebure, uburemere, icyiciro cy'umuryango, ishyamba, cyangwa amakuru ndangasano. Ivangura rishingiye ku gitsina ririmo, ariko ntirigarukira ku ivabungura rishingiye ku gitsina umuntu yiyumvamo, igitsina kiranga umuntu, igitsina umuntu yigaragazamo, imiterere ndagangitsina, no gutwita.